RMC
RWANDA MEDIA COMMISSION
Media Self Regulatory Body
Promoting Free, Responsible and Accountable Media

ARJ ASSOCIATION RWANDAISE DES JOURNALISTES
RWANDA JOURNALISTS ASSOCIATION

# ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

**Kwibuka abanyamakuru bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Muri iki gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 27 abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura (RMC) hamwe n'Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru mu Rwanda (ARJ) birashishikariza ibigo by'itangazamakuru n'abanyamakuru guharanira kutaba umuyoboro w'ibitekerezo bihembera urwango n'amacakubiri, ndetse n'ibigamije guhakana cyangwa gupfobya jenoside yakorewe Abatutsi.

Muri iki gihe kwibuka byahuriranye n'ibihe bibi byatewe n'icyorezo cya COVID-19, ibi bikaba bidatuma kwibuka bikorwa nk'uko byari bisanzwe, aho abantu bahurira hamwe ari benshi bagafatana mu mugongo. Turasaba ko ibitangazamakuru byakomeza kugira uruhare rw'ibanze mu gufasha Abanyarwanda kwibuka twiyubaka cyane cyane muri iki gihe cy'iminsi ijana yahariwe ibikorwa byo kwibuka.

By'umwihariko, ku wa 11 Mata 2021 hazaba ibiganiro binyuranye ku maradiyo na televiziyo bigaruka ahanini ku mateka y'uruhare rw'itangazamakuru muri jenoside yakorewe Abatutsi. Hazaba hagamijwe kwamagana uwo ari we wese washaka kwimakaza imikoreshereze mibi y'itangazamazamakuru nk'umuyoboro ubiba macakubiri n'urwango, ahubwo abantu bashishikarizwa kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda.

Tukaba dusaba abagize umuryango mugari w'itangazamakuru guteganya umwanya wo kwibuka bagenzi babo b'abanyamakuru bazize jenoside, tunashishikariza ibigo

by’itangazamakuru n’abakora umwuga w’itangazamakuru gufata mu mugongo imiryango yasigaye ya bagenzi babo bazize jenoside.

Nk'abanyamwuga, turabasaba guharanira igihe cyose kutaba umuyoboro w'ibitekerezo byasubiza Abanyarwanda kimwe n'abatuye isi mu icuraburindi rya jenoside, hirindwa cyane cyane imvugo zihembera urwango n’amacakubiri, zikanapfobya jenoside.

Mu rwego rwo kwibuka abanyamakuru bazize jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, tubashyikirije ku mugereka w'ubu butumwa, urutonde rw'amazina y'abanyamakuru bayizize bashoboye kumenyekana.

Dukomeze kwibuka kandi twiyubaka.

Bilkorewe i Kigali, ku wa 09 Mata 2021

# URUTONDE RW'ABANYAMAKURU BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994

| IBITANGAZA MAKURU | No | ABANYAMAKURU | AHO YICIWE | AHO YASHYI-NGUWE | UMURYANGO WE | INYANDIKO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| ORINFOR | 1 | RUBWIRIZA Tharcisse | Gikondo | | | |
| | 2 | KARAMBIZI Gratien | Gikondo | - | Umugore n'abana | - |
| | 3 | KALINDA Viateur | Kabgayi | Kabgayi | Umugore n'abana | Yego |
| | 4 | RUDAHANGARWA J. Baptiste | - | - | - | - |
| | 5 | SEBANANI André | - | - | Umugore n'abana | Yego |
| | 6 | KALISA Callixte | Remera | - | Umugore n'abana | - |
| | 7 | NSABIMANA Emmanuel | Gikongoro | - | Mukuru we | yego |
| | 8 | BUCYANA Jean Bosco | - | - | - | - |
| | 9 | MBUNDA Félix | - | - | - | - |
| | 10 | MUNYARIGOGA Jean Claude | - | - | Mushikiwe n'abandi | - |
| | 11 | NSHIMIYIRYO Eudes | Nyamirambo | - | - | - |
| Yatangaga ikiganiro cya Kiriziya Gatolika kuri Radiyo Rwanda | 12 | BYABAGAMBA Straton | - | - | - | - |
| 2.LE PARTISAN | 13 | HABINEZA Aphrodice (SIBO) | Ngororero | - | Abavandimwe | - |
| 3.LE TRIBUN DU PEUPLE | 14 | MUKAMA GAKWAYA Eugène | - | - | - | - |
| | 15 | HATEGEKIMANA Wilson | - | - | - | - |

| IBITANGAZA MAKURU | No | ABANYAMAKURU | AHO YICIWE | AHO YASHYI-NGUWE | UMURYANGO WE | INYANDIKO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | 16 | RUGAJU Jean Claude | - | - | - | - |
| 4.LE FLAMBEAU | 17 | BAZIMAZIKI Obed | Nyakabanda | - | Abavandimwe | - |
| | 18 | KARINGANIRE Charles | Muhima | - | Umugore, abana n'abavandimwe | Yego |
| | 19 | MUNANA Gilbert | Gikondo | - | - | - |
| 5.RAFIKI | 20 | KAYIHURA Octave | - | Gisozi | Umugore n'abana | Yego |
| | 21 | NTAGANZWA Alexis | Nyamirambo | - | Umugore n'abana | - |
| 6.KINYAMATEKA | 22 | NKUBIRI Sylvestre | Muhima | Nyamirambo | Murumuna we | Yego |
| | 23 | MUGANZA Clément | - | - | - | - |
| | 24 | KAYINAMURA M.Beduwa | - | - | - | - |
| | 25 | SERUVUMBA Anastase | Nyanza-Kicukiro | - | - | Yego |
| 7.LE SOLEIL | 26 | KAYIRANGA Marcellin | Nyakabanda | - | Mukuruwe | Yego |
| | 27 | MUKAMUSONI Jeanne d'Arc | Nyakabanda | - | - | - |
| | 28 | BURASA Prisca | - | - | - | Yego |
| 8.ISIBO | 29 | MURERAMANZI Néhémie | - | - | Barumuna be | Yego |
| 9.KANYARWANDA | 30 | NKUNDIMANA Joël | - | Nyanza-Kicukiro | - | - |
| | 31 | RUHATANA Ignace | Komini Nyakabanda | Nyanza-Kicukiro | - | - |
| | 32 | GATERA Carpophore | - | Nyanza-Kicukiro | - | - |
| | 33 | KANYABUGOYI Fidèle | Nyanza (Kicukiro) | Nyanza-Kicukiro | Umugore n'abana | - |
| | 34 | MUTESA Donat | - | Nyanza-Kicukiro | - | - |

| IBITANGAZA MAKURU | No | ABANYAMAKURU | AHO YICIWE | AHO YASHYI-NGUWE | UMURYANGO WE | INYANDIKO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 10.KANGUKA | 35 | RWABUKWISI Vincent(RAVI) | Nyamirambo | - | Umwana n'abavandimwe | Yego |
| | 36 | MBARAGA Wellars | - | - | - | - |
| 11.KIBERINKA | 37 | SHABAKAKA Vincent | Nyamirambo | Rwamagana | umwana | Yego |
| | 38 | NYIMBUZI Aloys | - | - | - | Yego |
| | 39 | KAMANAYO Théotime | - | - | - | Yego |
| 12.RWANDA RUSHYA | 40 | KAMURASE Martin | - | - | - | Yego |
| | 41 | MUDATSIKIRA Joseph | - | Nyanza-Kicukiro | - | - |
| | 42 | KAMEYA André | St Paul | REBERO | Abana | Yego |
| 13.AMAKURU KI I BUTARE | 43 | RUTSINDURA Alphonse | | - | - | - |
| 14. L'OBSERVATEUR | 44 | MUNYAKAZI Bernard | - | - | - | - |
| 15.RUBYIRUKO RUBANDA | 45 | RUKONDO Emmanuel Damien | - | - | - | - |
| 16.IWACU | 46 | TWAGIRAMUNGU Félix | | | | |
| 17.Imbaga | 47 | MBUGUJE Sixbert | - | - | - | - |
| Yakoze kuri ORINFOR 1982-1986 Ajya muri ambasade y'abanyamerika, ashinzwe itangazamakuru | 48 | MWUMVANEZA Médard | Gitega | - | Umugore n'abana | - |
| Yakoze kuri ORINFOR 1982-1983) | 49 | KARAKE Claver | | | | |

| IBITANGAZA MAKURU | No | ABANYAMAKURU | AHO YICIWE | AHO YASHYI-NGUWE | UMURYANGO WE | INYANDIKO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Yakoze kuri ORINFOR 1982-1990) ajya kuba Sous Prefet i Gitarama. | 50 | GASANA Cyprien | | | | |
| Reba Videwo: (Video Production Company) | 51 | MUKAMANA Winifrid | | | | |
| ABANDI | 52 | RUTSINDURA Emmanuel | | | | |
| | 53 | RWEMARIKA Claude | | | | |